**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**

**AKARERE NYABIHU**

**B.P : 125 RUHENGERI**

E-mail :nyabihudistrict@nyabihu.gov.rw

Website : www.**nyabihu.gov.rw**

# ITANGAZO

**Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu buramenyesha abarimu bifuza kuva no kwimukira mu Karere ka Nyabihu n'abifuza guhindura Ikigo cy'ishuri hagati mu Karere ko basabwa kugeza dosiye zabo mu bunyamabanga rusange bw'Akarere bitarenze kuwa mbere tariki 13/09/2021 saa kumi n'imwe za nimugoroba(17:00').**

- **Abifuza kwimukira mu Karere ka Nyabihu baturutse mu tundi Turere, dosiye isaba igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu;
2. Icyemezo cy'uko yagize amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya 70% mu mwaka w'amashuri wa 2020-2021;
3. Icyemezo cy'imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Ubuyobozi bw'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'Ishuri umwarimu yigishamo;
4. Fotokopi y'impamyabumenyi ahemberwaho;
5. Fotokopi y'Indangamuntu;
6. Fotokopi y'ibaruwa ya burundu ishyira Umwarimu mu kazi.

- **Ku bifuza guhindura Ikigo hagati mu Karere ka Nyabihu, dosiye isaba igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu;
2. Icyemezo cy'imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Ubuyobozi bw'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'Ishuri umwarimu yigishamo;
3. Fotokopi y'impamyabumenyi ahemberwaho;
4. Fotokopi y'Indangamuntu;
5. Fotokopi y'ibaruwa ya burundu ishyira Umwarimu mu kazi.

**Icyitonderwa :** Uwifuza kujya ahandi agomba kuba afite ibaruwa ya burundu.

**Bikorewe iNyabihu, kuwa 07/09/2021**

NYABIHU - DISTRICT

**MUKANDAYISENGA Antoinette**

**Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu**